IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 31 MUTARAMA 2014.

Ku wa gatanu tariki ya 31 Mutarama 2014; mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Nyamagabe "Innovation Center" hateraniye Inama Njyanama y'Akarere mu nama yayo isanzwe.

Inama yayobowe n'Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe Bwana Bwana NDAHINDURWA Fiacre bitewe n'uko Umuyobozi wayo atari yabashije kwitabira inama kubera impamvu y'uburwayi.

Umuyobozi w'inama amaze gusuzuma ko umubare wa ngombwa ugenwa n'itegeko (nibura 2/3 by'abagize Inama Njyanama y'Akarere) wuzuye; yatangije inama aranayiyobora. Inama yitabiriwe n'Abajyanama 23 kuri 31 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe.

Iyo nama yanatumiwemo kandi yitabirwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, abakuru b'imirimo ku Karere, abakozi bamwe na bamwe b'Akarere n'abakozi bashinzwe irangamimerere mu Mirenge baje bahagarariye Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge barimo bakurikirana izindi gahunda zihutirwa zabereye mu Mirenge zirimo gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu bigo by'amashuri no gutegura umunsi mukuru w'Intwari wo ku wa 1 Gashyantare 2014.

Umuyobozi w'Inama yibukije abitabiriye inama ingingo ziteganyijwe kwigwa zikurikira:

1. Kwemeza inyandikomvugo y' Inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 1 Ukuboza 2013.
2. Gusuzuma no kwemeza ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Nyamagabe y'umwaka wa 2013-2014.
3. Gusuzuma raporo ya Komite Nyobozi igaragaza ibyakozwe n'uko umutungo wakoreshejwe mu mezi 6 y'umwaka wa 2013-2014.
4. Kungurana ibitekerezo no kwemeza ibikorwa remezo by'Akarere ka Nyamagabe bibyara inyungu byakwegurirwa abikorera kugira ngo birusheho kubyazwa umusaruro.
5. Ibindi.

Ku ngingo y'ibindi abagize Inama Njyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ko biga ibi bikurikira:

A) Gusuzuma ikibazo cy'Umujyanama UWIZEYIMANA Pascasie umaze igihe atitabira ibikorwa by'Inama Njyanama
B) Kwemeza ingengabihe y'inama zisanzwe z'Inama Njyanama mu mwaka wa 2014
C) Amakuru ku birebana no kwakira urumuri rutazima mu Karere ka Nyamagabe
D) Amakuru ku myiteguro y'umunsi mukuru w'Intwari uzizihizwa ku ya 01 Gashyantare 2014.

Kubera igikorwa cyo gukurikirana itangizwa rya gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu bigo by'amashuri bamwe mu Bajyanama harimo n'abari muri Komite Nyobozi y'Akarere bagombaga kwitabira uyu munsi, abagize Inama Njyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ko ingingo ya gatatu yo "Gusuzuma raporo ya Komite Nyobozi igaragaza ibyakozwe n'uko umutungo wakoreshejwe mu mezi 6 y'umwaka wa 2013-2014" ijya ku mwanya wa mbere, izindi ngingo zigakomeza gukurikirana nk'uko zanditse ku murongo w'ibyigwa.

I. GUSUZUMA RAPORO YA KOMITE NYOBOZI IGARAGAZA IBYAKOZWE N'UKO UMUTUNGO WAKORESHEJWE MU MEZI 6 Y'UMWAKA WA 2013-2014.

Kuri iyi ngingo, abagize Komite Nyobozi bahawe ijambo bageza ku bagize Inama Njyanama raporo ikubiyemo ibikorwa byagezweho mu mezi atandatu abanza y'umwaka wa 2013-2014.

Abajyanama basanze ibikorwa byinshi biri hejuru ya 50% bashima abafatanyabikorwa batandukanye babigizemo uruhare banasaba Komite Nyobozi kurushaho kwihutisha ibikorwa biteganyijwe mu mihigo bikiri inyuma ugereranyije n'aho byagombye kuba bigeze.

Ku birebana na raporo yerekana uko amafaranga yinjiye n'uko yakoreshejwe (financial report), Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagejeje ku bagize Inama Njyanama raporo irambuye igaragaza ingengo y'imari yakoreshejwe mu mezi atandatu y'umwaka wa 2013-2014. Yakomeje abamenyesha ko ku ngengo y'imari y'Akarere yateganyijwe mu mwaka wa 2013-2014 ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyari icumi, Miliyoni Magana inani n'eshanu, Ibihumbi Magana cyenda n'umunani n'ijana na mirongo itatu n'icyenda **(10,805,998,139 frw)** hamaze kwinjira amafaranga angana na Miliyari eshanu, Miliyoni magana atatu n'eshanu, Ibihumbi Magana cyenda na makumyabiri na bibiri na Magana atatu na mirongo itandatu n'atanu **(5,305,922,365 frw),** angana na 49,1% by'ingengo y'imari; hakaba hamaze kandi gukoreshwa angana na Miliyari enye, Miliyoni ijana na mirongo ine n'ebyiri, Ibihumbi Magana ane na mirongo ine na Magana cyenda na mirongo itanu n'arindwi y'amafaranga y'u Rwanda **(4,142,440,957 frw)** bingana na 38,3% by'ingengo y'imari yose. Ijanisha ry'amafaranga yakoreshejwe ugereranyije n'ayinjiye ringana na 78,0%.

Kuri iyi raporo, abagize Inama Njyanama basabye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere kongera ingufu mu kwihutisha ikoreshwa ry'ingengo y'imari.

II. KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Y' INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA YATERANYE TARIKI YA 1 UKUBOZA 2013.

Inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe yateranye ku wa 1 Ukuboza 2013 imaze gusomwa mu ruhame no gukorerwa ubugororangingo yemejwe ku bwumvikane busesuye n'abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe.

III. GUSUZUMA NO KWEMEZA INGENGO Y'IMARI IVUGURUYE Y'AKARERE KA NYAMAGABE Y'UMWAKA WA 2013-2014.

Abagize Komite Nyobozi y'Akarere bahawe ijambo bageza ku bagize Inama Njyanama ibigaragara mu ngengo y'imari ivuguruye y'umwaka wa 2013-2014. Komite Nyobozi y'Akarere yagaragaje ko ingengo y'imari yemejwe n'Inama Njyanama y'umwaka wa 2013-2014 yanganaga n'amafaranga y'u Rwanda Miliyari icumi, Miliyoni Magana inani n'eshanu, Ibihumbi Magana cyenda n'umunani n'ijana na mirongo itatu n'icyenda **(10,805,998,139 frw).** Yakomeje abamenyesha ko mu kuyivugurura hiyongereyeho amafaranga y'u Rwanda angana na Miliyari imwe na Miliyoni ijana na mirongo inani na zirindwi n'Ibihumbi magana ane na kimwe na magana cyenda na makumyabiri n'icyenda y'amafaranga y'u Rwanda **(1,187,401,929frw)** .

Abagize Inama Njyanama bamaze gusobanukirwa n'impinduka zabaye ku ngengo y'imari, bashingiye kandi ku biteganywa n'amategeko bemeje ku bwumvikane busesuye ingengo y'imari y'Akarere ivuguruye y'umwaka wa 2013-2014 ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyari cumi n'imwe, Miliyoni Magana cyenda na na mirongo cyenda n'eshatu, Ibihumbi Magana ane, na mirongo itandatu n'umunani **(11,993,400,068 frw).**

N.B: Ingengo y'imari ivuguruye iri ku mugereka w'ibi byemezo

IV. KUNGURANA IBITEKEREZO NO KWEMEZA IBIKORWA REMEZO BY'AKARERE KA NYAMAGABE BIBYARA INYUNGU BYAKWEGURIRWA ABIKORERA KUGIRA NGO BIRUSHEHO KUBYAZWA UMUSARURO.

Abagize Komite nyobozi y'Akarere bagejeje ku Nama Njyanama ibaruwa n^{0} NL/MA/671/2013 Umuyobozi mukuru w'Ikigega gishinzwe gutera inkunga ibikorwa by'iterambere mu nzego z'ibanze (RLDSF) yandikiye Ubuyobozi bw'Akarere asaba kohereza raporo ku mitungo y'Akarere (District assets) igomba kwegurirwa abikorera.

Abagize Inama Njyanama bamaze kubyunguranaho ibitekerezo, bemeje ku bwumvikane busesuye imitungo y'Akarere yakwegurirwa abikorera igaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

NO	SECTOR	CELL	VILLAGE	NAMES OF ASSETS(INFRASTRUCTURES)	ASSETS REQUESTED TO HAND OVER TO PRIVATE SECTORS
1	GASAKA	NGIRYI	KARAMBI	MORDERN SLAUGHTER HOUSE	yes
2	GASAKA	NYABIVUMU	GASHARU	DEPOTOIR MODERNE DANS LA VILLE DE NYAMAGABE	yes
3	GASAKA	NYABIVUMU	GASHARU	HANDCRAFT CENTER	yes (cooperative)
4	GASAKA	NYABIVUMU	RARO	MUSHROOM PRODUCTION UNIT	yes (cooperative)
5	GASAKA	NYAMUGARI	KABAJOGO	PUBLIC TOILETS	yes
6	GASAKA	NGIRYI	KIBANDA	KIBANDA WATER HOUSE	yes
7	GASAKA	NGIRYI	MUNYEGE	MUNYEGE WATER HOUSE	yes
8	GASAKA	NGIRYI	SUMBA	SUMBA WATER HOUSE	yes
9	GASAKA	NYAMUGARI	KABACUZI	DISTRICT HOUSE BAR (BAR TELAVIV)	yes
10	GASAKA	NYAMUGARI	KABAJOGO	NYAMAGABE CAR STATION	yes
11	GASAKA	NYAMUGARI	NYAMUGARI	NYAMUGALI ITORERO CENTER HOUSE	YEGO CENTER
12	GASAKA	NYAMUGARI	NYARUSANGE	NYAMAGABE DISTRICT GUEST HOUSE	yes
13	GASAKA	NYAMUGARI	NYARUSANGE	NYAMAGABE MARKET	yes
14	GASAKA	NYAMUGARI	NYARUSANGE	NYARUSANGE WATER HOUSE	yes
15	GATARE	GATARE	GASHASHA	GASHASHA SLAUGHER HOUSE	yes
16	GATARE	GATARE	RWAMAKARA	CHARCOAL COLLECTIONAL CENTRE	yes (cooperative)
17	GATARE	RUGANDA	RWANGAMBIBI	MARCHE DE PETIT BETAIL DE RUGANDA	yes
18	GATARE	RUGANDA	RWANGAMBIBI	RUGANDA MARKET PLACE	yes
19	GATARE	RUGANDA	RWANGAMBIBI	FORMER HOUSE FOR BRICK BURNING	yes (cooperative)
20	KADUHA	KAVUMU	KAMONYI	KAMONYI SLAUGHTER HOUSE	yes

21	KADUHA	KAVUMU	KAMONYI	KADUHA MARKET	yes
22	KITABI	KAGANO	BUSUSURUKE	BUSUSURUKE SELLING POINT	yes (cooperative)
23	MUSEBEYA	GATOVU	GATOVU	MUSEBEYA MODERN MARKET	yes
24	TARE	BUHORO	RYARUBONDO	MARCHE DE PETIT BETAIL DE RYARUBONDO	yes
25	TARE	GASARENDA	KIMINAZI	KIMINAZI SLAUGHTER HOUSE	yes
26	TARE	GASARENDA	MURANGARA	GASARENDA MARKET	yes
27	TARE	KAGANZA	BUREMERA	WATER HOUSE	yes
28	TARE	GASARENDA	MUDASOMWA	TARE MILK COLLECTION CENTER	yes (cooperative)
29	UWINKINGI	KIBYAGIRA	KAGANO	UWINKINGI MAIZE PROCESSING UNIT	yes (cooperative)
30	BURUHUKIRO	KIZIMYAMURIRO	GIKUNGU	BURUHUKIRO MAIZE PROCESSING UNIT	yes (cooperative)
31	CYANIKA	GITEGA	MIKO	MIKO MARKET	yes
32	CYANIKA	KARAMA	KARAMA	WATER HOUSE	yes
33	CYANIKA	KARAMA	KARABA	CYANIKA MILK COLLECTION CENTER	yes (cooperative)
34	MUSANGE	MASIZI	KARAMA	FRUIT PROCESSING UNIT	yes (cooperative)

V. IBINDI

a) Gusuzuma ikibazo cy'Umujyanama UWIZEYIMANA Pascasie umaze igihe atitabira ibikorwa by'Inama Njyanama

Kuri iyi ngingo, abagize Inama Njyanama bamaze kuyunguranaho ibitekerezo bemeje ku bwumvikane busesuye ko Biro y'Inama Njyanama ifatanyije na Komite Nyobozi y'Akarere bazakora raporo ku bwitabire bw'Abajyanama bose bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe, raporo yayo ikazashyikirizwa Inama Njyanama itaha ikayifataho umwanzuro.

b) Kwemeza ingengabihe y'inama zisanzwe z'Inama Njyanama mu mwaka wa 2014

Abajyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ingengabihe y'inama zisanzwe z'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe mu mwaka wa 2014 ku buryo bukurikira:

- Inama Njyanama isanzwe y'igihembwe cya mbere 2014 yabaye tariki ya 31 Mutarama 2014
- Inama Njyanama isanzwe y'igihembwe cya kabiri 2014 iteganyijwe tariki ya 10 Gicurasi 2014
- Inama Njyanama isanzwe y'igihembwe cya gatatu 2014 iteganyijwe tariki ya 9 Kanama 2014
- Inama Njyanama y'igihembwe cya kane cya 2014 iteganyijwe tariki ya 06 Ukuboza 2014

c) Amakuru ku birebana no kwakira urumuri rutazima mu Karere ka Nyamagabe

Abajyanama bahawe amakuru ko ku wa mbere tariki bya 3 Gashyantare Akarere ka Nyamagabe kazakira urumuri rutazima ruturutse mu Karere Ka Nyaruguru. Urumuri rutazima ruzakirirwa ku rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda ruherereye i Murambi mu Murenge wa Gasaka saa munani (14h00), Abajyanama biyemeje kuzitabira uwo munsi.

d) Amakuru ku myiteguro y'umunsi mukuru w'Intwari uzizihizwa ku ya 01 Gashyantare 2014

Abagize Komite Nyobozi y'Akarere ka Nyamagabe bamenyesheje Abajyanama ko uyu munsi, hatangijwe gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu bigo by'amashuri yose afite "internat" mu Mirenge yose igize Akarere ka Nyamagabe, banabamenyesha ko iyi gahunda izakomeza mu Midugudu ari naho umunsi mukuru w'Intwari uzizihirizwa n'abaturwage bose bakaba bazashobora kuganira na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul KAGAME hifashishijwe urubuga nkoranyambaga "Tuitter".

Inama yatangije imirimo yayo saa yine n'iminota mirongo itanu n'irindwi (10h57) iyisoza saa munani n'iminota mirongo ine n'umunani (14h48).

Umwanditsi w'inama

AYINKAMIYE Donatille
Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe

Umuyobozi w'inama

NDAHINDURWA Fiacre
Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe